

## Umukoro w'Ikinyarwanda umwaka wa 2

### IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO

(AMANOTA 40)

12) Garagaza ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro.

(amanota 7)

- (a) Ba bahungu bitabiriye icyo gitaramo ari benshi.
- (b) Ibyo tubona bitugaragariza iterambere ry'igihugu cyacu.
- (c) Mwa banyeshuri mwe mwize neza mwazatsinda.

13) Garagaza inteko z'amagambo aciyeho akarongo. (amanota 5)

- (a) Isukari iyo ari nyinshi mu mubiri, gukina birayigabanya.
- (b) Imyitozo itera umubiri wacu kugubwa neza.
- (c) Umwana wange akunda umurimo.

14) Garagaza ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo. (amanota 5)

- (a) Yavuze ko atateshukaga ku mico myiza yari yarabyirukanye.
- (b) Umutegereze kugeza igihe avira mu mihigo.
- (c) Nta wundi muntu uzaduhaka.

15) Tanga ingero z'amagambo ashobora gukoreshwamo amategeko y'igenamajwi akurikira unagaragaza uturemajambo twayo. (amanota 3)

- (a) k+y → ts
- (b) a+i → e
- (c) t+y → s

16) Iyi nteruro iri mu kihe gihe gikuru k'inshinga?

Yishyire mu bindi bihe bikuru by'inshinga bisigaye. **(amanota 3)**

¶ *Umuhango wo gusaba uryoshiywa n'ibiganiro.*

17) Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe. **(amanota 14)**

(a) Sinkorera gushimwa nkorera umugisha.

(b) Ku muni w'ubukwe nyiri izina niho abantu banywaga bakabyina, bakizihirwa.

(c) Ubukwe ni bwiza buhuza imiryango ikungana amaboko.

(d) Kora neza utazagawa.

18) Tahura ruhamwa mu nteruro zikurikira nurangiza uvuge ubwoko bwazo.

**(amanota 3)**

(a) Isuzuma rye ritsinda umuhanga.

(b) Harakabaho u Rwanda n'abanyarwanda.